








Indwara z'ibanze n'ibyonnyi

Indwara / Ibyonnyi	Ibimenyetso	Wayirwanya ute?	Ibipimo bikoreshwa k'umuti
Kirabiranya y'urutoki	 <p>- Amakoma ababutse kandi akarabirana, -Amashyira mu mutumba iyo uwutemye -Amabere ashya imineke igitoki kitarakomera.</p>	<ul style="list-style-type: none">- Tera imibyare ituruka mu rutoki rutarwaye.- Vanaho umwanana igihe amabere yose y'igitoki amaze gusohoka.- Rimbura insina zose zafashwe, uzitabe mumwobo nibura wa m 1.- Sukura (ukoresheje umuriro) ibikoresho byose byakoreshejwe.- Tegereza amezi 6 mbere yo guteramo indi nsina.	-
Kabore y'urutoki	 <p>Amakoma agenda aba umuhondo, akaraba, akuma, agatendera ku mutumba inguri igatukuramo imbere.</p>	<ul style="list-style-type: none">- Tera imibyare ituruka mu rutoki rutarwaye.- Rimbura insina zose zafashwe.- Hinga insina zera ibitoki bitekwa kuko zo zidakunda gufatwa n'iyi ndwara- Sukura (ukoresheje umuriro) ibikoresho byose byakoreshejwe mbere yo kubikoresha mu wundi mwobo- Ni byiza gukoresha ifumbire y'imborera mu gutera izindi nsina.	-
Gikongoro	 <p>Imitwe y'amabere ihinduka nkitwitse.</p>	<ul style="list-style-type: none">- Kuzirika umwanana n'akagozi (ligature) mu gihe insina irimo kwana kugirango ingobyi (bractees) zitwikira indabyo ntizifunguke. Ubwo buryo butuma indabyo zitinjirwamo n'udukoko	-
Utumatirizi tw'insina	 <p>Utumatirizi tuboneka ku mutumba munsu y'ibirere.</p>	<ul style="list-style-type: none">- Gukoresha insina zo gutera zitarwaye.- Kurandura insina zirwaye,- Gukuraho ibirere n'amakoma bishaje,	-
Imungu y'insina	 <p>Imungu itobagura imyobo munguri, Amakoma y'insina yafashwe ahinduka umuhondo agapfanyarara nyuma akuma.</p>	<ul style="list-style-type: none">- Tera imibyare ivuye mu rutoki rutarwaye;- Gutega imungu: Utemagura umutumba ukawurekera hasi kugira ngo ukurure imungu, nyuma ukawukura murutoki ugatwikwa.- Rimbura inguri zishaje.- Wikongeramo insina mu rutoki igihe rukirimo izafashwe.- Tegereza nibura imyaka itatu mbere yo guteramo izindi nsina;- Twikiriza igitaka inguri zatemwe.	-